# NYAMAGABE NEWSLETTER

July 2023



Umudugudu wa Gisiza wo muri Musebeya wahembwe ku rwego rw' Igihugu mu marushanwa y' umuganda mu mwaka wa 2022-2023

**Soma Paji ya 15-16**



**Soma Paji ya 8**

Guverineri KAYITESI yasabye abatuye Umurenge wa Kamegeri kugira uruhare mu kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye.

Kwibohora29: Hatashywe Ibyumba by' Amashuri ryigisha Ubuhinzi n' Ubworozi n' Ikiraro cyo mu Kirere.

**Soma Paji ya 2-3**





**Soma Paji ya 4**

Muri IPRC- KITABI hasojwe Amarushanwa kuri Ndi Umunyarwanda MU Mahuri Makuru na Kaminuza ku rwego rw' iri Shuri.



**Soma Paji ya 8-9**

Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe yashimye ubuhanga bw' Abanyeshuri b' Ishuri Ribanza rya SOS- Gikongoro.

**DUKORANE UMURAVA, DUTERE IMBERE**

# KWIBOHORA 29: HATASHYWE IBYUMBA BY' AMASHURI BY' ISHURI RYIGISHA UBUHINZI N' UBWOROZI N' IKIRARO CYO MU KIRERE



Ku wa 04 Nyakanga 2023, mu karere ka Nyamagabe hizihirijwe Umunsi wo Kwibohora ku nshuro ya 29 hatahwa ibikorwaremezo birimo Ibyumba by' Amashuri 6 n' Ikiraro cyo mu kirere.

Ibi Byumba 6 by' Amahari byatashywe, biherereye muri Groupe Scolaire Gatare mu murenge wa Gatare, mu gihe iki Kiraro cyo mu kirere cyo gihuza Umurenge wa Nkomane n' uwa Gatare.

Nyuma yo guhabwa iri Shuri, abaturage bo mu Murenge wa Gatare bahize kuzaribyaza umusaruro, bahuriza ku kuba bazaryifashisha mu gutyaza Ubumenyi mu bijyanye n' Ubuhinzi n' Ubworozi bari basanzwe bakora mu buryo bwa gakondo.



Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe agaruka ku kamaro k' iri Shuri yagize ati:" Ibikorerwa muri iri Shuri biragaragaza ko imbere hashimishije. Ni Ishuri rifite ibikoresho bigezweho. Ntagushidikanya ko abana bacu bazabyifashisha ndetse bikazatanga umusaruro ku muturage wacu by' umwihariko uwo muri uyu Murenge".



Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko iri Shuri ryubatswe muri uyu Murenge nk' Umurenge ufite Abahinzi ntangarugero kandi bagaragaza umusaruro w'Ubuhinzi ushimishije.

Ati: "Twasanze Umurenge wa Gatare ufite Ubutaka bwiza, bubereye Ubuhinzi. Ni yo mpamvu ku rwego rw' Akarere, Ishuri ry' Imyuga rijyanye n' Ubuhinzi n' Ubworozi twarizanye hano kugira ngo tubashe kubaha Ubumenyi n' ubushobozi mu kuvugurura Ubuhinzi."





Uretse kuba kuri uyu munsi wo kwibohora ku nshuro ya 29 mu karere ka Nyamagabe haratashywe ibi byumba by' Amashuri n' Ikiraro cyo mu kirere, hanatashywe Ivuriro Rito(Poste de Sante) rya Shyeru n' ibindi bikorwa byatashywe mu Mirenge itandukanye y' aka Karere.







# IPRC- KITABI : HASOJWE AMARUSHANWA KURI NDI UMUNYARWANDA KU RWEGO RW' ISHURI MU MASHURI MAKURU NA KAMINUZA




Ku wa 17 Nyakanga, muri IPRC- KITABI, habereye ibikorwa byo gusoza Amarushanwa y' Ikiciro cya 3 kuri Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza ku rwego rw' Iri Shuri.

Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yabwiye urubyiruko rwiga muri iri Shuri ko Ndi Umunyarwanda, ari Igitekerezo-ngenga cy' ukubaho kw' Abanyarwanda mu buryo bunyuranye.

Yaragize ati: "Twishimiye cyane impano mutweretse, twishimiye cyane abahanzi batunyuze imbere bakatwibutsa yuko Ndi Umunyarwanda ari Igitekerezo-ngengo cy' ukubaho kwacu mu buryo butandukanye. Ndi Umunyarwanda ni Igitekerezo-ngenga koko! Ndi gutekereza ku gikorwa cy' uyu munsi, nagiye ndeba ku buryo amateka yacu yagiye ahinduka. Maze natekereje ku Nkiko Gacaca.



Nibutse mu mwaka wa 2004 nitabiriye Gacaca ariko umwuka wari urimo ndawibuka nk' aho ari ejo. Havugaga uhawe ijambo gusa. Ni imyaka 10 yari ishize Jenoside ikorewe Abatutsi mu Rwanda ihagaritswe. Ariko uyu munsi uhereye aho muri 2004, imyaka igiye kuba 20 ishize. Ntabwo duhura dusabwa guceceka, ahubwo turahura dutekereza, twongera kumva neza Ndi Umunyarwanda nk' Igitekerezo-ngengo cy' ukubaho kwacu. Turahura dufata iki gitekerezo tukagishyira mu bihangano."




Visi-Perezida wa Komisiyo y' Imiyoborere Myiza muri Unity Club Intwararumuri yateguye aya marushanwa Madame MUKANTAGANZWA Domitille akaba ari na we wari Umushyitsi Mukuru, yashimye uburyo abanyeshuri bagarutse ku nsanganyamatsiko mu bihangano byabo, aboneraho no kubasaba gukomeza kuba umusemburo wa Ndi Umunyarwanda.

Insanganyamatsiko y' aya marushanwa yitabiriwe n' Abanyeshuri baturuka mu Mashuri Makuru na Kaminuza 20 byo mu Rwanda, yaragiraga iti: NDI UMUNYARWANDA: "Igitekerezo-ngengo cy' ukubaho kwacu".

Muri iri shuri rya IPRC KITABI, Abanyeshuri bahize abandi bahembwe ni 5, bakaba bararushanyijwe mu bihangano bitandukanye birimo Indirimbo n' Imivugo.

## UMUYOBOZI W' AKARERE YATANGIJE UKWEZI KWAHARIWE GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE MU KARERE KA NYAMAGABE



Ku wa 18 Nyakanga 2023, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yatangirije ku rwego rw' Akarere, Ukwezi kwahariwe gukemura ibibazo by' Abaturage mu murenge wa Gasaka. Yavuze ko uku Kwezi kugamije kwegera abaturage bakumva ibibazo byabo ndetse bakabikemura, haherewe ku byashyikirijwe Inzego Nkuru z' Igihugu.



Byinshi mu bibazo byashyikirijwe izindi nzego, byarakemutse. Ibitarakemuka byashyikirijwe itsinda ribishinzwe muri ubu bukangurambaga ku buryo na byo mu minsi 15 na byo bizaba byahawe umurongo.

Ukwezi kwahariwe gukemura ibibazo by' Abaturage mu karere ka Nyamagabe, kwanatangirijwe mu mirenge ya Mbazi n' uwa Cyanika n' Abayobozi b' Akarere Bungirije.

mitangire ya Serivisi ni imwe mu mirongo migari ya Gahunda ya Leta y' Iterambere (NST1), aho abaturage bagomba kwishimira imitangire ya serivisi ku gipimo cyo hejuru ya 90%.

Ni muri urwo rwego Intara y' Amajyepfo yateguye ubukangurambaga bw' iminsi mirongo ine(40) yo gukemura ibibazo by' abaturage byakiriwe n' inzego zitandukanye, hakanakirwa ibibazo bishya abaturage bafite. Ubu bukangurambaga bwaratangiye ku wa 18 Nyakanga bukazageza taliki ya 30/08/2023.



Bimwe mu bizibandwaho muri ubu bukangurambaga birimo kurangiza imanza zisanzwe kandi zigashyirwa muri Sisiteme n' iza Gacaca aho zisigaye, gukurikirana ibibazo bitarakemuka mu bibazo byakiriwe mu ihema Ubwo Umukuru w' Igihugu yasuraga Intara y' Amajyepfo, gukemura ibibazo bimaze igihe mu Karere biba byaratanzwe n' abaturage ariko bikaba bitarakemuka, kwakira no gukemura ibibazo byose bizagaragazwa n' abaturage mu gihe cy' ubu bukangurambaga n' ibindi.

# UMUYOBOZI W' AKARERE KA NYAMGABE YASHIMYE UBUHANGA BW' ABANYESHURI B' ISHURI RIBANZA RYA SOS- GIKONGORO



Ku wa 21 Nyakanga 2023, Ishuri Ribanza rya SOS- Gikongoro ryakoze ibirori byo gusoza Umwaka w' Amashuri wa 2022-20223, aho Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Hildebrand NIYOMWUNGERI wari Umushyitsi Mukuru yashimye ubuhanga abana biga muri iri shuri bagaragaje.

Ibi birori byaranzwe n' ibikorwa binyuranye by' Abanyeshuri baryigamo n' abarisojemo, ahanini byibanze ku bumenyi bakura hanze y' amasomo.

Mu rwego rwo guteza imbere Uburezi n' Ururimi rw' Icyongereza, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Hildebrand NIYOMWUNGERI n' itsinda ry' Abakozi b' Akarere yari ayoboye bahuriye mu kiganirompaka n' abanyeshuri ba SOS- Gikongoro ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ese ababyeyi baba bagira uruhare mu gutsindwa kw' abana babo?"



Mu ijambo rye, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Hildebrand NIYOMWUNGERI yashimiye aba bana ku bw' ubuhanga bagaragaje ndetse n' ubw' Abanyeshuri bo muri SOS-Gikongoro muri rusange badahwema kugaragaza.

Yaragize ati: "Mbere na mbere nagira ngo nsabe ababyeyi muri hano mushimire aba bana ba SOS. Aba bana batsinda 100%. Ntabwo ari ugutsinda bimwe bisanzwe, ahubwo ni ugutsinda bimwe by' indashyikirwa hamwe babona amabaruwa abajyana mu Bigo byigwamo n' indashyikirwa. Icyo ni ikintu cyiza, twishimira mu karere ka Nyamagabe.



Mayor Hildebrand NIYOMWUNGERI kandi yibukije abana biga mu Ishuri Ribanza rya SOS-Gikongoro ko umuntu Isi ikeneye muri iki gihe atari uzi imibare n' ibindi yiga mu ishuri gusa.

Yaragize ati: "Isi aho igeze, ikeneye umuntu utazi imibare, kuvuga Icyongereza n' Igifaransa gusa. Isi aho igeze uyu umunsi ikeneye uzi gukora byinshi nyuma ya byinshi mwiga mu Ishuri. Ni aha rero mbonera ko ibyo batweretse, ibyo bakora, ibyo Abarezi babatoza, muri gushyiraho cya kitegererezo natwe tugomba kureba tukakijyana mu yandi Mashuri."



Ishuri Ribanza rya SOS- Gikongoro kugeza ubu ryigamo abana 484, muri bo 42 bakoze ibizamini bisoza Amashuri Abanza uyu mwaka.

Imyaka 2 irashize, abanyeshuri basoza Amashuri abanza muri iri shuri batsinda 100%. Ubuyobozi bw' iri Shuri buvuga ko nubwo batsinda bose, intego ihari ari iy' uko bagomba kuzajya batsinda bose baje mu kiciro cya Mbere.








# GUVERINERI KAYITESI YASABYE ABATUYE UMURENGE WA KAMEGERI KUGIRA URUHARE MU KUBAKA UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE



Ku wa 11 Nyakanga 2023, Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Madame Alice KAYITESI yasuye Akarere ka Nyamagabe by' umwihariko Umurenge wa Kamegeri asaba abaturage ba wo kugira uruhare mu kugira umuryango ushoboye kandi utekanye.



Ubwo yifatanyaga n' abaturage b' Umurenge wa Kamegeri mu Nteko Rusange isanzwe iba buri wa Kabiri, Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Madame Alice KAYITESI yababwiye ko Leta irajwe ishinga no kubegereza ibikorwaremezo birimo amazi, imihanda, amashanyarazi n' ibindi ariko na bo hari ibyo basabwa kugiramo uruhare birimo umutekano n' ibindi.

Yaragize ati: " Ibikorwaremezo mubona nk' imihanda, amazi, amashanyarazi n' ibindi birareba Leta, ariko na mwe hari ibyo musabwa. Ni mwe mufite uruhare rukomeye mu mibereho myiza. Ni mwe mugomba gufata iya mbere mu kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye."

Guverineri KAYITESI kandi afatanyije n' Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe bakiriye ibibazo by' abaturage ndetse bafatanya na bo kubiha umurongo.

Yasoje ashima abaturage b' Umurenge wa Kamegeri ku muhate bagira mu gukora bakiteza imbere nk' uko byanagarajwe n' imurikagurisha rito bakoze.







# NYAMAGABE: RIB YAGANIRIJE ABATURAGE KU BYAHA BYEREKEYE KWANGIZA IBIDUKIKIJE




Muri iki gihe cy' iminsi 3, Abakozi ba RIB baturutse ku rwego rw' Igihugu no ku Ntara bahaye ibiganiniro abaturage bo mu mirenge ya Nkomane, Kitabi na Buruhukiro ku bijyanye no kwirinda ibyaha,.

Iyi mirenge ni imwe y' Akarere ka Nyamagabe ikora kuri Parike ya Nyungwe.

Abaturage kandi bahawe umwanya wo kubaza ibibazo kuri Mobile station ndetse bihabwa umurongo.

Kuva tariki ya 10 kugeza ku ya 13 Nyakanga 2023, Urwego rw' Igihugu Rushinzwe Ubugenzacyaha RIB rwari mu bikorwa by' Ubukangurambaga ku byaha birebana no kwangiza ibidukikije.

Ubu bukangurambaga bwanitabiriwe n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Madame Agnes Uwamariya bwanagarutse ku byaha birebana n' ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n' irikorerwa mu ngo.








# GAHUNDA YO GUHUZA INZIBUTSO ZA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI NYAMAGABE YABA IGEZE HE ISHYIRWA MU BIKORWA?



Ku wa 13 Nyakanga 2023, Itsinda ry' Abasenateri bagize Komisiyo y' Ububanyi n' Amahanga, Ubutwererane n' Umutekano ryari rigizwe na Hon. Senateur Prof. Jean Pierre DUSINGIZEMUNGU na Hon. Senateur Andre TWAHIRWA ryasuye Akarere ka Nyamagabe mu rwego rwo kureba aho gahunda yo guhuza Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi igeze ishyirwa mu bikorwa.



Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madamu Agnes UWAMARIYA wakiriye iri Tsinda yarigaragarije imiterere y' Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Nyamagabe n' aho kageze gashyira mu bikorwa gahunda yo kuzihuza.

Uyu muyobozi yavuze ko akarere katangiye gushyira mu bikorwa iyi gahunda ndetse n' abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi bayumva neza.
Icyakora yagaragaje imbogamizi zihari zirimo iy' ingengo y' imari yo kubaka ibikorwaremezo bikenewe kugira ngo zigere ku rwego rwifuzwa idahari, asaba aba Basenateri gukora ubuvugizi ikaboneka.



Bimwe mu bikorwaremezo byifuzwa ahari Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi zizasigara, birimo ubwiherero buhagije kandi busukuye, ubusitani abantu bagiye kwibuka bazajya baruhukiramo n' ibindi.
Mu karere ka Nyamagabe aba Basenateri basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Tare byemejwe ko ruzasigara n' urwa Kamegeri ruzimurirwa mu rwa Murambi.
Mu karere kose, habarurwa Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi zigera ku 9. Gusa biteganyijwe ko urwa Kamegeri ari rwo rwonyine ruzimurwa.
Mu mwaka wa 2019, binyuze mu Iteka rya Perezida wa Repubulika w' u Rwanda n° 061/01 ryo ku wa 20/05/2019 rigena imitunganyirize n'imicungire y' Inzibutso, ni bwo hatangajwe gahunda yo guhuza inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu rwego rwo gukomeza kubungabunga amateka.

# UMUYOBOZI W' AKARERE ARASABA ABAHINZI B' IBIRAYI BAGIYE GUTIZWA UBUTAKA N' AKARERE KUBUBYAZA UMUSARURO



Ku wa 22 Nyakanga 2023, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe na Brigade Commander wa Diviziyo ya 501 Colonel Peter MUTANGANA baganiriye n' Abahinzi bo mu Mirenge ya Nkomane na Gatare bifuza gutizwa ubutaka bwo gutuburiraho imbuto y' ibirayi mu rwego rwo kongera umusaruro no kwihaza mu biribwa.





Akarere ka Nyamagabe ni kamwe mu turere tweza ibirayi byiza cyane mu gihugu, aho abahinzi bato n' abanini ku isizeni imwe basarura toni ibihumbi 180.

Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe avuga ko mu rwego rwo kongera umusaruro uva kuri hegitari no kwihaza mu biribwa, hafashwe icyemezo cy' uko ubutaka buri ku mukandara w' ishyamba rya Nyungwe butizwa abahinzi b' ibirayi cyane cyane abo mu mirenge ya Buruhukiro, Nkomane na Gatare bakabutuburiraho imbuto. Gusa avuga ko hari ibyo abo bahinzi bagomba kuba bujuje.



Meya Hildebrand yaragize ati: "Ushaka gutizwa ubu butaka agomba kuba yujuje ibi bikurikira: "Kuba asanzwe ari umutubuzi w' imbuto y' ibirayi ubifitiye icyangombwa gitangwa na RICA, kuba yemera kubahiriza amabwiriza akubiye mu masezerano, kuba nawe atagomba gutiza ubutaka yatijwe, kuba agomba kwemera ko Akarere kaba ari ko kazamutegeka icyo azakoresha imbuto azaba yabusaruyeho n' ibindi."

Kugeza magingo aya ku isizeni, umuhinzi w' ibirayi muto mu karere ka Nyamagabe ashobora gusarura toni 15 kuri hegitari imwe, mu gihe umuhinzi munini we ashobora kugeza kuri na toni 25 z' ibirayi kuri hegitari.

Gusa ubuyobozi bw' Akarere buvuga ko hari byinshi biri gukorwa kugira ngo uyu musaruro wiyongere byibuze ugere kuri toni 35 kuri hegitari, ku muhinzi munini.

# IKIPE YA UBUMWE (UBUMWE TEAM) YATWAYE IGIKOMBE MU MARUSHANWA YATEGUWE NA NYAMAGABE VOLLEYBALL CLUB



Mu rwego rwo gukundisha Urubyiruko Siporo by' umwihariko muri iki gihe cy' ibiruhuko, Ikipe y' Umupira w' Intoki, (Nyamagabe Volleyball Club) ikorera imyitozo mu Kigo cy' Urubyiruko cya Nyamagabe yateguye Amarushanwa hagati yayo yiswe NVC Internal Volleyball Competition..

Ikipe ya Ubumwe (Unity Team) ni yo yegukanye igikombe nyuma yo guhigika Ikipe y' Umurava (Brave Team) n' Ikipe y' Ubwitange (Devotion Team) byari bihanganye.

Mu ijambo rye, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu akaba n' umwe mu bitabiriye aya marushanwa, yashimiye abayitabiriye anasaba amakipe yakinnye gufatanya kuzamura impano z' urubyiruko mu Karere mu mikino itandukanye.

Yasabye kandi gukorera hamwe no gufasha abana baje mu biruhuko kwitabira Siporo.

Akarere ka  Nyamagabe ni kamwe mu turere duhagaze neza mu mikino itanduaknye dore ko gafite Ikipe y' Umupira w' Amaguru mu kiciro cya Mbere. hano mu Rwanda ari yo y' Amagaju FC.









# NYUMA Y' IGITONDO CY' ISUKU, UMUYOBOZI W' AKARERE YASABYE ABABYEYI GUSHAKIRA ABANA BABO IBIBAHUZA MU BIRUHUKO



Ku wa 11 Nyakanga 2023, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe yifatanyije n' Abaturage b' Umurenge wa Gasaka mu gitondo cy' isuku aho yibukije ababyeyi ko muri iki gihe cy' ibiruhuko by' abanyeshuri, bagomba kubashakira ibibahuza mu rwego rwo kubarinda ubuzererezi.



Nyuma y' umuganda w' Igitondo cy' Isuku, Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe yongeye kwibutsa abaturage ko kugira isuku aho bakorera, iyo ku mubiri ndetse n' iyo mu kanwa bagomba kubigira umuco.

Yaragize ati: "Si ngombwa ko mwambara neza ari uko mugiye mu mujyi cyangwa se gusenga, mugomba guhora mukeye. Ubundi umuntu yakabaye yoga kabiri ku munsi, ariko byibuze mujye mugerageza mukarabe rimwe. Koza amenyo na byo ni ingenzi."



Meya Hildebrand NIYOMWUNGERI kandi yibukije ababyeyi ko ibiruhuko by' abanyeshuri bigiye gutangira, bityo bagomba gutegura uko abana babo bazabyitwaramo mu rwego rwo kubarinda ubuzererezi.
Yaragize ati: "Murabona ko ibiruhuko by' abanyeshuri bigiye gutangira, umubyeyi uri hano wese ufite umwana uri ku Ishuri agiye agafata akarima k' igikoni akakamukorera, ubundi akakamushinga akaba ari we ukitaho, byamurinda ubuzererezi ndetse akumva ko nawe ari uw' agaciro."
Gahunda y' Igitondo cy' Isuku, ni imwe mu zatangirijwe mu Ntara y' Amajyepfo ikaba igiye kumara imyaka 2. Muri iki gihe iri guhurirana n' ubukangurambaga bw' isuku bumaze iminsi itari mike butangijwe.
Iba buri wa Kabiri guhera saa moya za mu gitondo kugeza saa Mbiri.

# GUVERINERI W' INTARA Y' AMAJYEPFO YITABIRIYE UKWEZI KWAHARIWE KWAKIRA NO GUKEMURA IBIBAZO BY' ABATURAGE MU MURENGE WA KITABI



Ku wa 27 Nyakanga 2023, Nyakubahwa Guverineri w' Intara y' Amajyepfo Madame Alice KAYITESI yitabiriye Ukwezi kwahariwe gukemura ibibazo by' Abaturage mu murenge wa Kitabi, afatanya n' Umuyobozi w' Akarere Hildebrand NIYOMWUNGERI ndetse n' izindi nzego kubyakira no kubiha umurongo.





Ubwo yakiraga ibibazo by' Abaturage byashyikirijwe Urwego rw' Akarere ntibikemuke cyangwa se ntibanyurwe n' ibisubizo bahawe yabibukije ko Ubuyobozi budakuraho icyemezo cy' urukiko, anabasaba kujya banyurwa n' umurongo uba wahawe ibibazo byabo.

Yaragize ati: "Mujye mudufasha, usibye na Guverineri nta n' undi Muyobozi uwo ari we wese ukuraho umwanzuro w' Urukiko. Umwanzuro w' Urukiko ukurwaho n' urundi Rukiko. Kandi mujye mugerageza kunyurwa n' umurongo ibibazo byanyu biba byarahawe"



Muri uku Kwezi kwahariwe gukemura ibibazo by' Abaturage, ibyakirwa ntibihite bibonerwa ibisubizo, bihabwa igihe kingana n' iminsi 15 yo kuba na byo byamaze guhabwa umurongo.



# UMUDUGUDU WA GISIZA WO MURI MUSEBEYA WAHEMBWE KU RWEGO RW' IGIHUGU MU MARUSHANWA Y' MUGANDA MU MWAKA WA 2022-2023



Ku wa 29 Nyakanga 2023, Umuyobozi w' Akarere yashyikirije Umudugudu wa Gisiza wo mu Kagari ka Rugano mu Murenge wa Musebeya, igihembo wegukanye ku rwego rw' Igihugu.

Uyu Mudugudu wegukanye iki gihembo, nyuma yo kuza ku mwanya wa Kabiri, mu marushanwa y' ibikorwa by' umuganda byo mu mwaka w' Ingengo y' Imari wa 2022-2023.

Umuyobozi w' Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI washyikirije iki gihembo Umukuru w' Umudugudu wa Gisiza, yashimiye abaturage b' Umurenge wa Musebeya by' umwihariko ab' uyu Mudugudu ku bwo gushyira hamwe bagahesha ishema Akarere, aboneraho no gusaba indi Midugudu kuwigiraho.

Yaragize ati: "Bajya kubagenzura, baravuze ngo nimutwereke uko mwabikoze, bagenda bazana ikayi, ugasanga uyu munsi haje abantu 60, ejo haje abandi 50, biba inshuro nyinshi. Birashoboka ko gake gake dufatanyije, tubishyize ku mutima, dushobora gukora ibintu by' indashyikirwa.




Ibikorwa by' isuku, ari ibikorwa byo kwivana mu bukene, ari ibikorwa bya gahunda zitandukanye dufite nka gahunda yo gutanga umusanzu w' ubwisungane mu kwivuza, Ejo Heza n' izindi, biriya byose mwebwe abanya Musebeya muri urugero rw' uko bishoboka, kandi bidutera ishema iyo tubonye mwebwe mubishoboye.





Mu buryo bw' umwihariko nagira ngo mumfashe dushimire Umuyobozi w' Umudugudu, dushimire Abaturage bose ba Gisiza bahesheje ishema Akarere ka Nyamagabe, tukerekana ko koko turi Imparirwamihigo, mubashimire. Rero ibyabaye mu Gisiza, birashoboka no hanze y' Umurenge wa Musebeya. Mu karere ka Nyamagabe, ibi birashoboka."

Bimwe mu byatumye uyu Mudugudu wa Gisiza uza ku mwanya wa Kabiri mu yahize iyindi mu Rwanda ijya kugera ku bihumbi cumi na bitanu (15000), mu marushanwa y' umuganda mu mwaka wa 2022-2023 birimo kuba buri gikorwa cyose bakoraga barakigaragazaga mu nyandiko.







# FOLLOW US ON:

@Nyamagabe

Nyamagabe District

www.nyamagabe.gov.rw

This Newsletter was produced

by


Callixte NDAGIJIMANA
Public Relations, Media and Communication Officer

Contacts:
Email: pro@nyamagabe.gov.rw
Phone: +250783353060


www.nyamagabe.gov.rw